# 80: Nifuza kuzagera muri wa murwa

1. Nifuza kuzagera muri wa murwa, Wo mw ijuru mwiza cyane Ariko se ko ntaz' inzir' ingezayo, Ni nd' ubasha kuyinyereka. Ngwino vuba, ngwino vuba! Umukiz'arakwerek'inzira.

2. Ubwo najyaga ngendagend' uko nshaka Nih' umucyo wantunguye. Uwo mucyo waramurikaga cyane Uturuka ku musaraba. Natungu we n'uwo mucyo, Uwo mucyo wa ngezemo rwose.

3. Kand' ijwi ryaturutse mur' uwo mucyo, Riti; Niwambur' inkweto Kuko han' ugeze hahinduts' ahera Kand' Imana nay' ar' iyera. None nsigaye nyoborwa Neza rwose n'iyo Mana yera.

4. Habab' umunezero mwinshi mw ijuru Umunyabyaha yihannye. None Yesu naw' aragutegereje Kugira ngo wezwe mw iriba. Ngwino we zwe, ngwino wezwe, Amaraso y' arakweza rwose.

5. Kandimumenye ko azagaruka vuba. Azab' aje nk' umujura. Nyir' inz' iy' ameny' igih' umujur' aza Yaba maso kugez' ubw' atibwa. Mube maso, mube maso, Kuko mutaz' umunsi n'igihe.

6. Kandi mumenye ko ngiye kuza vuba. Nzaba nzanywe no guhemba Ibikwiranye n'umurimo w'umuntu. Nimukomez' icyo mwahawe. Kor' ibyiza, kugira ngo Uzahembw' ibikwiranye na byo.

7. Najyanywe no kubategurir' ahanyu, Kugira ngo muzabeho. Hariy' ibyicaro byinshi kandi byiza Mukwiriye kuzabyicaramo. Nimusenge cyane cyanc Kugira ngo mutazaburayo.

Visit us at indirimbo.com